

Hakurya Y'Urusika Rw'Igihe

Jeffersonville, Indiana, USA

05 Werurwe 1961

1 Ndashaka kubabwira ko amasengesho yanyu yashubijwe. Ni nk'amateraniro twagiraga mu gutangira, ubwo natangiraga umurimo, hashize imyaka myinshi. Sinigeze... ntitwashoboraga kubonera abantu aho bicara kandi nta n'ubwo twashoboraga gukodesha ikibuga cy'isoko n'ahandi. Mu masaa cyenda (15h), habaga huzuye, twagombaga gufunga imiryango, ntitwongere kwakira abantu. Ntabwo twagombaga kurenza saa kumi n'imwe (19h). Murabona ? Ibihumbi by'abantu byaturukaga hirya no hino. Kandi nari nafashe imigoroba itanu ya nyuma mu biterane biherutse, kandi nubakiye ku rufatiro rumwe rukumbi rw'Ijambo, ntangiye kubona imbaraga z'Ijambo. Murabona ? Kuko Ijambo ni Imana. Murabona ? « Mbere na mbere hariho Jambo. Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana. Kandi Jambo yabaye umuntu abana na twe.»

2 Noneho, Abaheburayo bavuga ko Ijambo ry'Imana, rityaye kurusha inkota y'amugi abiri. Murabona, Ijambo ry'Imana rirasogota kugeza aho rigabanya igufa... Riratyaye kandi rirondora ibitekerezo byo mu mutima ; murabona. Niko Ijambo ry'Imana rivuga. Rero, niba hari impano dushobora kumva twisanzuye... kandi Ijambo ry'Imana ubwaryo - ni Kristo, Ijambo, ryinjira muri twe kandi rikarondora ibitekerezo by'umwuka, nkuko mwabibonye. Murabona ukuntu ari byiza ? Rero, urebye ibyo Yakoze, n'ukuntu Yaduhaye umugisha... Ntekereza ko nubakiye ku rufatiro rw'iri Jambo mu gihe cy'imigoroba ine, nkareka abantu bakicara batuje kandi bakisanzura, Umwuka Wera waza guhamagara abantu kandi akagira icyo akora mu materaniro.

3 Kandi rero, mu materaniro ya nyuma, icyumweru cya nyuma ku gicamunsi, nabonye umurongo wo gusengerwa ukomeye ntarigera mbonda muri Amerika. Murabona ? Nohereje Billy afite amakarita 100, Gene afite amakarita 100, Leo afite amakarita 100, Roy nawe afite amakarita 100, ayo makarita yose barayatanze, yageraga kuri 500.

Hanyuma bamaze kubona gukongeza kw'Ijambo, n'icyo rikora - narimpagaze neza neza kuri iri Ijambo - nabazanye ku gicaniro. Nuko nabonye abagabo n'abagore bajugunya ibibando byabo n'ibindi, bakira mbere yo kugera ku gicaniro. Murabona, Ijambo ry'Imana ryari ryamaze kubwirizwa mu mwuzuro waryo, kandi ryari ryinjije mu mitima yabo, ubutumwa bw'iminsi itanu cyangwa ine, kugeza aho bari baryizeye mu mitima yabo. rero, ikintu kimwe bagombaga gukora, kwari kugira icyo bakoraho, ikintu kimwe cyangwa ikindi, kandi byarafatikaga. Bapfaga kugera ku gicaniro, bahitaga bakira ako kanya, batarava aho ku gicaniro.

4 Ntekereza ko mwene Data uyi... muzi mwese mwene Data Ed - mwene Data Ed Hooper, nsi byo ? Mwebwe muturutse hariya i Arkansas. Yari ari hariya mwitangira ry'umurimo wange. Yaravuze ati, « Ibyi bisa n'ibihe bya kera, ni uku byakorwaga mu myaka ishize. »

Abantu bari bafite ibibyimba, batahaga bakize ; impumyi, abatumba, abiragi, ibintu binyuranye Umwami wacu yakozwe. Ntanubwo narinkeneye gukora ku bantu, Ijambo ryaravugwaga, kandi rikabisohozwa. Hanyuma, Umwami yampaye ubutumwa nshaka kuzabwiriza hano mu itorero, nindamuka ngarutse. Ubu nta mwanya mfite. Ejo ngomba kugenda, ntegereje kuza k'uwo mukobwa. Kandi mbere yo gusiga igikapo cyange mu nzu, hari umuntu uri aho.

Kuva icyo gihe, sindigera nicara, nta n'ubwo ndavugisha umuryango wange kuva naza. Murabona ? Ibyo bitera guhangayika. Ngomba gusaba amasengesho yanyu mwese kugira ngo Umwami ankomeze.

5 Noneho, mwibuke mwene Data urembye cyane, hano, kandi uryamye kuri aka gatanda. Hari uri buze ngo tujyane i Louisville. Ndabasaba kandi ngo mwibuke mu masengesho yanyu, iriya nkumi ifite ubutwari, utaranagira imyaka 18. Ni impanga. Kandi ni umukristo, umunyeshuri.

Abandi bakobwa baramusekaga, murabizi, abo bakobwa bombi... bababwiraga ko ari - icyo bari babuze mu buzima, kandi ko bangombaga kubaho nk'abandi bakobwa. Kandi umwe muri abo bakobwa yirengagije icyo kinagu. Undi yagize agahinda, yumva amerewe nabi, akomeza kubabara kurushaho, kandi byakomeje kumubabaza. Yageze aho arwara mu mutwe. None ari mu bitaro by'abarwayi bo mu mutwe. Nyina na se baragera hano, baturutse i Crandall, muri Indiana, kugira ngo ejo bazajye i Madison aho bazamwohereza. Uwo mukobwa nta ndwara n'imwe y'umubiri arwaye. Nta na kimwe. Afite ubuzima buzima buzira umuze, ariko ntibyoroshye kubisobanura, kuko ntibisobanurwa.

6 Igihari, nuko yataye umutwe. Murabona ? Birasaba gufata umwuka we, ugasubizwa mu mwanya. Murabona ? Ni nk'ibyo twavuze hano, hashize ubyumweru bike, ku bijyanye n'uburyo butatu umubiri w'umuntu ukora, n'ukuntu hariho ibyumviro bitanu, biduhuza n'ibidukikije. N'ukuntu hari ibyumviro bitanu, nko kuzirikana, gutekereza, n'ibindi n'ibindi biduhuza n'umwuka (esprit). Hanyuma kubwo guhura n'ubugingo (umutima), hari icyumviro kimwe, ni amahitamo, niyo atugarura mu gihe umuntu yaremwaga.

7 Mushobora guhitamo ibi, cyangwa ukabyanga. Ushobora kwakira Kristo nk'Umukiza, cyangwa ukamwanga.

Kandi duhora imbere y'icyo Giti, Igiti cy'Ubugingo, n'icy'urupfu. Buri muntu ashyizwe imbere y'icyo Giti, bitabaye ibyo, Imana yaba ikiranirwa ishyize umuntu umwe imbere y'icyo Giti, kandi ntahe undi amahirwe yo guhitamo ikiza cyangwa ikibi. Kandi buri wese muri twe afite ayo mahirwe. Dushobora gukora cyangwa ntidukire indwara. Rero, ntabwo ari uko tutakize ko Imana itadukijije. Twarakijijwe kuko isezerano ntacyo ridusaba, kandi Yamaze kutubonera agakiza. Kubw'ibyo, agakiza ni akacu. Ni akacu. Rero, wafata iki cyumviro ukabyizera, cyangwa ugafata iki cyumviro ukabihakana.

8 Rero, dufite icyo cyumviro kugira ngo twinjire mu Bwiza bw'Imana. Rero, uwo mwana mwiza, nyina ni inshuti. Yari umwe mu nshuti zange, yari umugore mwiza witonda, uva mu muryango w'abanazareye w'intagondwa, umukobwa witonda. Afite umugabo ufite igikundiro. Nawe ndamuzi neza, umugabo wamushatse. Bareze abo bana kugira ngo bazakorere Umwami, babashyize mu ishuri, bari muri Kristo ku buryo batashobora gukora ibintu bibi. Ariko byarangiyeye arwaye. Mu kanya nitegerezagaga umwana w'umuhungu hariya inyuma, warufite ikibazo kimwe neza neza. Umugoroba umwe twagiye kwa mwene Data Wright, kandi Orville yari yagize ikibazo gikomeye cyo mu mutwe. Murabizi, n'ink'igihe yansohoraga mu nzu, mu gihe Orville na nge turi inshuti zikomeye ; ni nk'aho ndi se. Nashyinyiye se na nyina. Ariko yarahagurutse maze arasakuzwa ati, « Sohoka hano, sohoka ! » Murabona ?

9 Noneho, icyo tugomba gukora, kwari ukwinjira mu murongo w'umwuka kugira ngo dufate uwo mwuka w'uwo mwana w'umuhungu. Murabona ? Umutima we wari waragize agahinda kenshi, yahuye n'ibigeragezo by'amoko yose. Twahise tumugarura mu mwana yagombaga kuba arimo. Murabona ? Nyuma y'iminsi mike, yari yakize.

Rero, icyo kimwe tugomba gukora kuri icyo kibazo. Nabonye ibyo bintu, rero nzi ko ari byo. Noneho ndabasaba mwese gusenga kugira ngo Imana imfashe kuwugarura mu mwana. Nawe ubwe ntazi aho ari. Kandi ibyo umuntu abigeraho anyuriye mu nzira yo kwizera. Ntabwo azi aho ari, cyangwa icyo ari cyo cyose. Murabona ? Aha bisaba ukwizera kwacu.

10 Rero, kuri icyo kibazo, imbaraga z'umuzuko wa Kristo, aduheramo ayo mahirwe... Mu bundi buryo, Ijambo ry'Imana ryinjira mu munyabyaha. Kandi ibyo bigomba kurenga ibwirizwa ry'Ijambo risohoka. Niyi mpamvu nashakaga kugira icyo mvuga mbere yo gusengera abarwayi.

Muribuka iyerekwa Umwami yampaye, hashize igihe, aho nabonaga mu ijuru ? Muribuka cya gitondo aho nahamirizaga ko nabonye mu ijuru ? Mu by'ukuri, byari byo. Ikinyamakuru Voice (Ijwi) ry'aba Hommes d'Affaires du Plein Evangile (Abavugabutumwa Busesuye), yasohoye iyi nkuru ashyiko ifoto hano ku rundi ruhande rw'urupapuro. Minsi handitse ibijyanye n'uyu murimo...

Ni ikinyamakuru cyo ku rwego rw'isi, cyanditse mu ndimi zitandukanye. Kandi ku rupapuro rwa mbere hariho ibijyanye n'iri yerekwa. Murabona ?

11 Noneho, ndagifite hano, ndashaka ko mugisoma, kugira ngo mubyumve. Mu by'ukuri, ntabwo nari nzi ko bene Data bari buze hano muri iki gitondo. Utayibona ajye ku biro, barayimuha. Baduhaye nyinshi za « Komeza kwihangana. » Hakurya y'uruzi hari igihugu cyiza cyane, kandi dukomere ku rugamba kugeza twinjiye muri icyo gihugu.

Rero, ndatekereza hari uruhinja rwo gusengerwa rwa mushiki wacu na mweddata Stricker. Ubu mugize bangahe mushiki wacu Stricker ? Abana batandatu. Bagize umuryango muto kandi mwiza.

12 Bari abavugabutumwa hariya muri Afurika ; bavuyeyo vuba aha. Kandi abana babo bese ni inshuti zanjye, none ndabona n'uyu nawe ari yo, nkuko bamuzanye muri iki gitondo kubwo gusengerwa. Teddy ari he ? Teddy mwana wange, waza hano kuri piyano umunota umwe, maze turirimbe indirimbo yacu. Uzi ya ndirimba nto tujya turirimba ngo, « Mubazane. » Si iyo ? Mubinjize, mubakure mu bwatsi bw'icyaha.

Impamvu tuyicuranga, nuko twebwe, n'ibyo dushobora byose... Ababyeyi babazana ngo tubasengere. Tubegurira Umwami kandi tubazana bakiri bato kugira ngo batazimirira muri ubwo bwatsi bw'icyaha. « Mubazane. » Ese urayizi mwenedata Teddy ? Reka turirimbe igitero kimwe.

Mubazane, mubazane,

Mubazane mubakure mu cyanya cy'icyaha.

Mubazane. Nta wundi uhari ?

Mumuza nonaha. Muzanire abana Yesu.

Mubazane, mubazane,

Mubazane mubakure mu cyanya cy'icyaha.

Mubazane. Nta wundi uhari ?

Mumuza nonaha. Muzanire abana Yesu.

13 Mwendata Stricker na mushiki wacu Striker, muzi icyo iyi ndirimbo isobanuye : Mubazane. » Icyifuzo cyanyu gikomeye ni ukuzana abazimiye kuri Yesu. Uruhinja rwanyu, rupfuye mbere yuko barwegurira Imana, cyangwa ikindi ntazi, uko biri kose yarakijijwe kuko Amaraso ya Yesu Kristo yamaze kubikora kuri Kaluvari. Ariko tubikora twibuka urugendo rw'icyubahiro Yakoreye hano ku isi, ubwo Yarambikaga ibiganza ku bana. Aravuga ati, « Nimubareke bansange. » Ngiyo mpamvu mwazanye abana banyu muri iki gitondo kandi mukatugirira ikizere, muzi neza ko dushoboye kuvugira umwana isengesho ryo kwizera, kubwo kwegurira Imana ubugingo bwe.

14 Yitwa nde ? Marliyn Madge. Marilyn Madge Stricker. Afite imyaka ingahe ? Amezi cumi n'itatu. Yavukiye muri Afurika, ni byo ? Niba ejo hahari, reka uyu mwana w'umukobwa azabe umukozi w'Imana hariya mu gace yavukiyemo. Ni umwana w'umukobwa mwiza. Mwendata Neville waza hano niba... Yoo ! Mbega ! Nkunda izi nshuti z'abana. Ese ntabwo ari inshuti nziza ? Uraho ! Uraho ! Twubike umutwe noneho, mu gihe dusengera uyu mwana w'umukobwa.

Data wa twese wo mu ijuru, tukuzaniye uyu mwana w'umukobwa, wavukiye mu ruzinduko rw'umurimo w'Imana mu gihe urugamba rwari rukomeye. Ndagusaba ngo uhe umugisha uyu mwana. Muri Bibiliya, bazaniraga... Wavuze ku bana bato... Wabarambitseho ibiganza, Ubaha umugisha kandi Waravuze uti, « Mureke abana bato bansange kandi ntimubabuze, kuko Ubwami bwo mu ijurur ni ubw'abameze nkabo. »

15 Nyina na se bamushyize mu biganza byacu. Kubwo kwizera, tuburijemo imitegeko, kubwo kwizera, tumushyize mu biganza Byawe. Ha umugisha ubugingo bwe. Muhe kuramba, Mwami. Reka abe umwana w'Imana. Reka azagukorere mu buzima bwe bwose, urugingo rwe rwose ruzakorere Kristo. Biduhe Mwami Yesu. Ha umugisha se na nyina, n'abakuru be n'abashiki be, bakiri bato. Kandi nabo bakure, kandi bagire umuryango w'icyubahiro ukorera Imana. Data tukweguriye umwana Marilyn Madge mu Izina rya Yesu Kristo kugira ngo azabe umukozi w'Imana ukomeye. Muhe umugisha, na se na nyina, n'abakundwa be, kandi azagire ubuzima burebure kandi bwiza mu murimo Wawe, mu Izina rya Yesu. Amina. Imana ibahe umugisha mwenedata Stricker. Yego, ni umudamu muto mwiza. Urakoze Teddy, mwana wange. Nkunda abana bato, mwe siko bimeze ?

16 Ni bande batumvise iyerekwa Umwami yampaye ? Muzamure ibiganza byanyu, mwebwe mutigeze... Mwendata Neville waba ufite agatabo kawe hano ? Wagasomera abantu hano mu gihe cy'umunota umwe cyangwa ibiri. Niba mubishaka.

17 [Mwene Data Neville arasoma. Igitondo kimwe nari nirambitse ku gitanda cyange. Nari nakangutse, ngaramye. Ntangira kwibaza uko mu ijuru hazaba hameze. Nasanze maze kubaho icyakabiri cy'ubuzima bwange, niba ndambye nkabo mu muryango wange, nashakaga gukorera Imana kurushaho, mbere yo kuva muri ubu buzima. Numva ijwi rimbwira riti, « Niyo ugutangira, komeza urwane, komera ku rugamba.

Nkuko nari nirambitse, ntekereza kuri ayo magambo, natekereje ko iryo jwi ari iryo nihimbiye. Iryo Jwi rirongera riravuga riti, « Komeza urugamba. Komeza ujye mbere. Komeza ujye mbere. »

18 Ntarabyizera, natekereje ko ari jye wavuze ayo magambo. Nirumye iminwa, nshyira ikiganza ku munwa maze ntega amatwi. Ijwi rirongera riravuga riti, « Kotana gusa. Iyaba waruzi ibiri aho inzira igarukira.

Nabaye nkuwumvise amagambo y'indirimbo ya kera menyereye :

Mfite urukumbuzi kandi ndababaye.

Ndashaka kureba Yesu

Ndashaka kumva inzogera zo ku cyambu

Ibyo byamurikira inzira yange

Kandi bikirukana ubwoba bwose.

Mwami, reka ndebe hirya y'urusika rw'igihe.

Nuko iryo Jwi rirambaza riti, « Urashaka kureba hakurya y'urusika ?

Ndasubiza nti, « Ibyo byamfasha cyane. »

19 Sinashobora kuvuga ibyabaye. Sinzi niba nari mu mubiri wange cyangwa niba nari nazamuwe. Simbizi. Cyakora, yari iyerekwa ritandukanye n'ayandi mayerekwa nagiyeye ngira. Nabonaga aho nari nazamuriwe, kandi nkongera kwibona ndi ku gitanda cyange. Ndavuga nti, « Ni ibintu bitangaje. »

Hari abantu benshi bazaga biruka bansanga, bavuga bati, « Yoo ! Mwene Data w'agaciro ! » Habanje kuza inkumi zasaga nkizifite imyaka makumyabiri ; bampoberaga bavuga bati, « Yoo ! Mwene Data w'agaciro ! » Abasore bingimbi bageze mu kigero gishimishije, bafite amaso abengerana nk'inyenyeri mu ijoro ryijimye kandi bafite amenyo yera de, bampobera bavuga bati, « Mwene Data w'agaciro ! »

20 Hanyuma, mbona nange nabaye umusore. Nibonaga aho, kandi ndahindukira ndeba umubiri wange ushaje aho uryamye ku gitanda, niseguye ibiganza byange. Ndavuga nti, « Ibi simbyumva. »

Nkuko nageragezaga kumva aho ndi, natangiye kubona ko nta none nta ejo habaho. Nta muntu wasaga nunaniwe. Nkuko abakobwa b'inkumi nyinshi ntari nabona bampoberaga, nasanze ngoswe n'urukundo rukomeye kandi ko nta byumviro by'umubiri wa kimuntu bisanzwe.

Nza kubona ko izo nkumi, zifite imisatsi igwa mu mugongo kugeza ku rukenyerero kandi amakanzu yabo yageraga ku birenge.

21 Nyuma y'aho, Hope, umugore wange wa mbere, arampobera maze aravuga ati, « Yoo ! Mwene Data w'agaciro ! » Hanyuma indi nkumi irampobera nuko Hope arahindukira aramuhobera. Ndavuga nti, « Ntabwo byumva. Ni ikintu gitandukanye cyane n'urukundo rwa kimuntu. Ntabwo nshaka gusubira muri uriya mubiri ushaje uri ku gitanda.

Nuko Ijwi rirambwira riti, « Ni ibyo wigishije nk'Umwuka Wera. Ibi ni urukundo rutunganye. Ntagishobora kwinjira hano kitarufite. »

22 Hanyuma ndazamurwa nshyirwa ahantu hejuru. Hirya no hino yange hari hari abagabo n'abagore mu myaka y'ubusore bushimishije. Barasakuzaga bavuga bati, « Yoo ! Mwene Data w'agaciro, twishimiye kukubona hano ! » Ngatekereza nti, « Ntabwo ndimo ndota kuko ndikubona aba bantu kandi ndabona umubiri wange hariya ku gitanda.

Ijwi rirambwira riti, « Wari uzi ko abahanuzi bazakirirwa hamwe n'ababo ? » Ndasubiza nti, « Yego, ibyo ndabyibuka mu byanditswe. Ariko nta Aba Branham bangana gutya babaho.

23 Ijwi riransubiza riti, « Ni Aba Branham. Ni abo wazanye ku Mwami. Bamwe muri abo bagore n'abo bagabo ubona ari urubyiruko kandi beza, bari bafite imyaka irenga 90 ubwo wabazanaga ku Mwami. Ntibitangaje ko barangurura ijwi bavuga bati, 'Mwene Data w'agaciro !' Nuko, iyo mbaga y'abantu bavuzza induru bati, « Iyo utazana ubutumwa, ntabwo tuba turi hano.' Ndabaza nti, « Yoo ! Yesu ari hehe ? Ndashaka kumubona. » Iyo mbaga irasubiza iti, « Ari hejuru. Umunsi umwe, Azaza akugane. Woherejwe nk'umuyobozi, kandi Imana niza, izagucira urubanza Ikurikije inyigisho yawe. »

Ndabaza nti, « Pawulo na Petero nabo bazacibwa urubanza ? Igisubizo cyari : 'Yego.'

24 Ndavuga nti, « Nabwirije ibyo babwirije. Ntabwo naciye ku ruhande rumwe cyangwa urundi. Aho babatije mu Izina rya Yesu Kristo, nakoze nkabo. Aho bigishije umubatizo w'Umwuka Wera, niko nabikoze. Ibyo bigishije byose nange niko nabyigishije. Barasubiza bati, « Turabizi, kandi tuzi ko umunsi umwe tuzasubira ku isi hamwe nawe. Yesu azaza kandi azagucira urubanza akurikije Ijambo watubwirije. Hanyuma, uzatwerekana, kandi twese hamwe tuzagaruka ku isi kubayo iteka ryose. » Ndaba nti, « Ese ngomba gusubira ku isi ubu ? Barasubiza bati, « Yego, ariko ugomba guhatana. »

25 Ntangiye kuva aho hantu heza cyane kandi hashimishije, kurenga aho amaso yange ashobora kureba, abantu bazaga birukanka bampobera, bavuga bati, « Yoo ! Mwene Data w'agaciro ! » Mukanya gato, nisanga ndi ku gitanda. Ndavuga nti, « Yoo ! Mana, mfasha. Ntuzareke na rimwe ngambanira Ijambo. Ibyo undi wese yakora, Mwami, nzihutire kujya hariya hantu heza kandi hashimishije. »

Noneho nemeye ko mu buzima bwange, binsaba urukundo rutunganye kubwo kwinjira hariya hantu. Nta shyari ribayo, nta munaniro, nta ndwara, nta busaza, nta rupfu ; habayo gusa umunezero n'ubwiza buhanitse. Alleluia ! Ikintu cyose wakora, shyira ku ruhande ibintu byose, kugeza ugize urukundo rutunganye ; ukagera aho ushobora gukunda abantu bese, na buri mwanzi. Nubwo indege yahungabana, n'iyi haba imirabyo cyangwa intwari z'umwanzi zaba zigutunzeho, ibyo byose ntacyo bivuze, gira urukundo rutunganye.

« Niba utarakizwa, akira Yesu Kristo nk'Umukiza ubu nonaha. Niba utarabatizwa mu mazi, batizwa nonaha. Niba utarabona umubatizo w'Umwuka Wera, wakire nonaha. Ihutire kwinjira muri urwo rukundo rutunganye, ruzakujuhana hariya hantu heza cyane kandi hashimishije, hakurya y'urusika rw'igihe. »

26 Natekerezaga ko bamwe muri mwe mwayisomye. Kandi niba utabonye ako gatabo, ushobora kukubona. Hasi ku rupapuro, hariho inyandiko ijyanye n'uyu murimo. Sinzi niba mwayibonye, hasi y'urupapuro, inyandiko ntoya, hasi y'urupapuro. Mu by'ukuri, iyo nyandiko yahinduwe mu ndimi hafi ya zose, kugira ngo izasomwe ku isi yose. Murabona ?

27 Noneho, kuki ubivuga mwene Data Branham, mbere yo gusengera abarwayi ? Dore impamvu : nukugira ngo mumenye ko imbaraga zacu zidapfa ubusa. Murabona ? Tugomba kwegera Imana mu muyoboro w'urukundo no kwizera. Kwizera kutuzana kuri uwo muyoboro. Ni urukundo rutwinjiza. Mu mbabarire. Noneho, mutekereza ko Imana yashobora... mbere yuko ukwizera kwawe kugera ku rwego runaka. Mutekereza iki ubu, niba imbaraga - iyi Ngando, n'aya matsinda y'abantu bakoresheje kubw'Ubwami bw'Imana. Hari benshi hano badafite imyambaro kubw'Ubwami bw'Imana. Hari benshi baciye

mu mihengeri kandi baje n'amaguru, nta nkweho ku birenge, kugira ngo baze hano, kubera Ubwami bw'Imana.

28 Ni byo. Mushobora kwiyumvisha umunyabugeni washushanya ikintu kiza cyane, kugira ngo narangiza agicagagure ? Haba hari ikitagenda muri uwo munyabugeni. Mushobora kwiyumvisha umuhanzi w'indirimo, wahanga indirimo kugira ngo narangiza ayishwanyaguze ? Haba hari ikintu kitagenda muri uwo muhanzi. Murabona ?

Nta kosa riba mu Mana. Imana ntabwo ikora ikintu, kugira ngo igishwanyuze nirangiza ngo ikijugunye. Ni iby'Ubwami Bwe. Ni iby'Ikuzo Rye. Buri wese muri twe, afite icyo akora muri icyo kinyabugeni no muri icyo ndirimbo. Turi abo mu Bwami bw'Imana, kandi kugira ngo dushobore gukora icyo tugomba gukora, igihe cyose tumenya umwanya wacu turimo ; kandi tukawugumamo, kandi umwanya wacu tuzi, ni urukundo, mu by'ukuri nirwo rukora icyo gihangano.

29 Rero, biragoye icyo ugira ayo mayerekwa nkaya, n'ibyo bintu, kumva ibiri mu hakurya. Yaba narinzi ! Umuntu wanditse muni y'urupapuro yavuze ko abahanuzi ba kera - ko babonaga ayo mayerekwa n'ibindi, ariko ko ubu, hakurya y'ibyo... Ntidushobora kubyumva. Ariko Umwami yatwemereye kuhinjira no kubona aho ari ho.

Rero, nshuti zange, ntabwo nari nsiziriye kandi ndi - ni hagati yanyu nange n'iri torero - nta n'ubwo nari mu iyerekwa. Nzi icyo iyerekwa ari cyo. Byonyine, mu cyumweru gishize nagize amayerekwa 30 mu ijoro rimwe. Ntimushobora kumva umutwaro tuba dufite. Nyine, biraguhangayisha.

30 Byagenda bite mugiyeye mu materaniro nkayo, kandi ukaba ari wowe ubarwaho kugenda neza cyangwa nabi kwayo materaniro, ari wowe uzayabazwa, uzasubiza buri kibazo cyose, buri kintu cyose, amateraniro yaba meza cyangwa yaba mabi, inshingano zose ni wowe zireba. Mwibaze ibyo bintu. Bamwe mubo dukorana, bagurisha ibitabo gusa, birabahangayisha ku buryo bajya kuryama, uwo mugoroba ntibaze mu materaniro. Yoo ! Mbega ! Biteye ubwoba.

Ni nka Loyce umukazana wange, umukristo mwiza ushimishije, kuba atarasibye kuza mu materaniro iki gihe cyose cy'ibyumweru birindwi bikurikiranye, agomba kuba yararyamye nk'umunsi umwe cyangwa ibiri, kandi ntashingano n'imwe yarafite. Naho Billy ufite inshingano zo gutanga amakarita gusa, biramunaniza cyane.

Mu by'ukuri, umutwaro wose uba uri kuri nge. Ndabizera kugira ngo munsengere. Murabona. Ikindi kandi, bavuga ko, kubwiriza igihe cy'iminota makumyabiri, uri muni yo gusigwa, bingana na masaha umunani y'imirimu y'ingufu ikomeye. Njya mbwiriza igihe cy'amasaha abiri cyangwa atatu mu mugoroba umwe, rimwe na rimwe, inshuro eshatu ku muni. Murabona.

31 Noneho, bigenda bite n'iyerekwa ? Iyerekwa rimwe gusa ryacye intege Umwami wacu Yesu Kristo. Ni byo. Bibiliya ivuga ko umugore yamukozeho maze bimuka intege. Mu by'ukuri, niba iyerekwa rimwe gusa ryaramuciyeye intege, We Umwana w'Imana, nkanswe nnyewe, umunyabyaha wakijiye ku buntu. Byagenda bite habayeho amayerekwa mirongo itatu mu ijoro rimwe ? Murabona ? Iyaba twahagarara gato kugira ngo dutekereze, ibyo birenze ikiremwa muntu ! Umubiri w'umuntu ntiwabishobora. Najya mu nzu y'abasazi ahantu runaka, mponda umutwe ku bikuta. Murabona ? Ni intege nke imbere, zikwica neza neza. Murabona ? Noneho, uzishingikiriza iki ?

Reka mvuge ntya, nkuko mbona mwene Data na Mushiki wacu Cox, Rodney n'umugore we, n'uriya mushiki wacu, hariya inyuma ; ni abakristo bashya. Hari igihugu kimwe hariya. Mushobora kugitekerezaho kugira ngo mugire ishusho yaco ? Ni ikintu gihebuje. Gikwiye imbaraga zacu zose dushobora kugira. Murabona ?

32 Noneho, nshobora kuvuga ibi mbere yo gusengera abarwayi. Byagenda bite uruhinja mbere yuko ruvuka... dusuzume ibyo. Uruhinja rwabaye mu nda ya nyina amezi icyenda, urwo ruhinja rushoboye gutekereza, rukavuga ruti, « Murabizi ? Barambwira ko ndi hafi yo kuvuka. Mu by'ukuri, ni iki nje gukora aho hanze ? Nzi hano gusa mba. Imbaraga zange nzikura hano imbere, none aho hanze nzabaho nte ? Bambwira ko hari izuba ryaka. Bambwira ko aho hanze abantu batembera, ariko nzi hano hantu honyine. Niho honyine nzi, hano mu nda ya mama. Ni aha banshyize. Icyo nzi ni munda. Ariko bambwira ko hanze hisanzuye.

Mu by'ukuri, urwo ruhinja rwari rufite ubwoba bwo kuvuka. Si byo ? Yari afite ubwoba kuko yari agiye kuza ahantu atazi, ahantu heza, inshuro miliyoni heza kurusha aho aba. Nta cyo ahaziho. Ashobora kuvuga ati, « Nakora iki » Yari yishwe n'ubwoba bwo kuvuka.

Ariko, twabwira turi hano hanze, mu by'ukuri, natwe twabaye hariya hantu. Ntabwo twifuzaga gusubirayo. Ntabwo twifuzaga na rimwe, gusubira mu nda ya mama. Murabona ? Oya, ntabwo dutekereza kuba twabikora.

33 Kandi, nshuti zange, ni cyo kimwe niyo dupfuye. Yoo ! Mana ! Murabona ? Mu kuvuka mwinjira

ahantu runaka. Mutigeze mugera. Ntimushobora kumva ukuntu ari byiza bihebuje. Kandi icyabashoboza kubyumva, ni kariya kantu ku bugingo, nk'umwuka, winjira mu ruhinja iyo ruri mu nda ya nyina.

Murabona, ni bwo buryo bwonyine kuri twe bwo kumva kiriya gihugu cy'ubwiza buhebuje. Ahataba indwara, agahinda, urupfu, ubusaza, nta na kimwe. Yoo ! Mbega ! Uramutse uhageze, ntiwifuza kugaruka ahantu nk'aha, nk'uko uruhinja rutakwemerera gusubira mu nda ya nyina. Murabona ?

Murabona, harahebuje ku bwiza, ku rundi ruhande, hariya. Ntidushobora kubyumva. Ntagushidikanya. Ntitwabishobora. Mu by'ukuri, ninako birenze ibitekerezo by'uruhinja, ninako ibibera hariya birenze imyumvire yacu, murabona, kuko turi muda y'isi, hafi yo kuvuka, muri ino minsi, mu Bwami bushya, mu isi nshya.

34 Nuko niyumva ku bijyanye n'aya mayerekwa n'ibintu nka byo, cyangwa... ibyambayeho uriya muni, ubwo najyaga mu rundi ruhande, nabonye uko hameze, kandi nahise ngaruka hano. Mushobora gutekereza uri uruhinja kandi ukaba uzi ukuntu ari byiza gutembera ukabona ibiti birabya, inyoni ziririmba, izuba ryaka, n'ubuzima nk'ubu, no gahatirwa gufungirwa mu nda ? Mu by'ukuri, ntiwashaka gusubiramo.

Mu by'ukuri, imyumvire yacu, yamirwa mukugerageza gutekereza ibibera hariya, nkuko Ibyanditswe bivuga bita: « Ni ibintu ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumvu, ibitekerezo bitigeze byinjira mu mutima w'umuntu, ibyo Imana yateguriye abayikunda. » Murabona ? Bityo, tumenya ko ku rundi ruhande ari heza bihebuje. Umunsi umwe, urupfu, icyo twita urupfu, ruzaduha kuvuka bundi bushya ; icyo gihe tuzinjira mu y'indi si, mu rundi ruhande.

35 Mwene Data George, ntuzasaza uri ikimuga ku rundi ruhande. Namwe mwene Data na mushiki wacu Spencer n'abandi muri mwe bashaje, hariya tuzaba urubwirako iteka ryose. Iyi kanzu y'umubiri ishaje, nzayisiga hano, nzazuka kandi nzafata igiciro gihoraho, kandi nzanyura mu bicu ndanguruye ijwi nti, « Urabeho, urabeho, ibihe byiza byo gusenga. » Byose byarangiye. Hehe n'amajoro y'amasengesho y'urudaca, hehe... Kwinjira muri ubwo busore kubwo kuba aho, bitari umwaka umwe cyangwa imyaka 50, cyangwa imyaka miliyoni. Nitumara imyaka miliyari hariya, tuzaba tutaranatangira. Ni byo. Kuki tutanezerwa muri iki gitondo ? Kuki tutabyishimira ? Kuki tutanezerwa na buri kintu gikomeye Imana yaduhaye ?

36 Dore gukira kwa kimana. Kuki Yesu yakomerekejwe ? Ese kwari ukuyobya amarari ngo bagire ngo nta kirimo ? Umubiri We wakomerekejwe hariya. Imbamvu Ze zaragaragaraga kugira ngo kubw'imibyimba Ye dukire. Ntuyobye uburari muri iki gitondo. Tumwakire, tumwemere. Noneho, mwene Data, na buri wese uri busengerwe, muhagarara hirya no hino y'igicaniro mu gihe... Ubutumwa bwatanzwe mu kanya gashize, isemura ry'indimi, ryavuze ko tuza gusengera abarwayi maze tukabona imbaraga zikomeye z'Imana. Mwene Data, ntuhatiwe guhagarara, wowe uryamye ku gatanda. Turaza aho. Ariko niba hari abandi turi busengere, bashaka guhagarara hirya no hino y'igicaniro, mu gihe mwene Data na nje turimo dusenga no kurambika ibiganza ku barwayi, mwigire hino noneho. Kandi mwibuke, mwakire iyi shusho. Kubw'imibyimba Ye twarakize. « Ntabwo mbyumva, Mwami. » Ntagushidikanya ko mutabyumva. Kugeza ubu, muracyari mu nda y'isi. Ariko, Yakoze iyi myiteguro, kandi Ntashobora kwemera... Kuki

37 Yakomerekejwe ? Ese kwari ugutabura ishusho cyangwa gutabura igikorwa no kukijugunya kure ? Oya, mugenzi. Yakomerekejwe kandi Yavuye amaraso kugira ngo dushobore gukira. Kandi kubw'ibyo, twebwe, kubw'imibyimba Ye twarakize, buri wese muri twe.

Noneho, nkuko muriho muza, muza hano hirya no hino y'igicaniro kubw'isengesho... Noneho, igice kimwe cy'ivugabutumwa mu buryo bwa kinyamerika, gikabije kuyobya, gihamya ko mugomba gukora ibi n'abiriyi. Hari ikintu nshaka gukiranuka na we, nshuti yange. Imana ikiza ku rwego rumwe, rwo kugira ngo umukorere. Murabona ? Ni k'ubw'imirimu yo kumukorera. Tugomba kwakira gukira kwacu kuri urwo rwego : tuzamukorera nidukira.

38 Rero, Bibiliya iravugaga iti, « Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane kugira ngo mukizwe. » Murabona ? Ni kuri urwo rufatiro rw'imirimu umukorera. Kandi ugomba gupfa niba nta kintu gitabaye. Rero, ndashaka ko, mu mutima wawe...

Mu by'ukuri, dushobora kugusiga amavuta, dushobora kugusengera ; pasitori wawe nange dushobora kuvuga isengesho ryo kwizera, gukora ibyo dushoboye byose. Ariko ibyo nta cyo byakumarira, igihe cyose utinjira mu busabane wowe ubwawe na Kristo. Murabona ? Ugomba kugera kuri ubwo busabane : « Umwami nange. »

Ndabona hariya umugore ukiri muto arimo aza ubu nyine. Nta gihe gishize, yaje imuhira afite ikintu kimeze nk'ikibyimba, ahubwo indwara bita Hodgkin. Kandi afite imyizerere y'aba methodiste. Ndatekerezako ko ari ibyo ; sibyo, mushiki wacu ? Yarafite ikibyimba kinini mu rubavu. None ubu, ari hano, yarakize.

39 Ndabona mushiki wacu Weaver ahagaze hano. Yai afite kanseri iteye ubwoba nari ntarabona mu buzima bwange. Ikintu cya mbere namubajije, niba yabatizwa mu Izina rya Yesu Kristo no kwatura ibyaha bye. Ubwo namujyanaga mu mazi, hano, nagombye kumufata, yari ananutse cyane, amaboko ye yari

ananutse. Nuko abatizwa mu Izina rya Yesu Kristo. Hashize hafi imyaka 10. ; sibyo mushiki wacu ? [Mushiki wacu aravuga ati cumi n'itandatu.] cumi n'itandatu. Imyaka y'inyongera, kuba yarumviye, mu gihe umuganga ukomeye mu baganga b'ino...

Umuganga we yarambwiye ati... ubwo namubwiraga ko yakize.

40 Yaravuze, « Yoo ! Kanseri izamwica vuba aha bidatinze. Ntugire ikibazo. Mubyumweru bike azaba yigendeye. » Kandi yari yamuhaye umunsi umwe wo kubaho. None uno munsi, nguyu ahagaze hano ku gicaniro, nyuma y'imyaka cumi n'itandatu. Ni iki twavuga, ko habayeho ingero nyishi.

Mu by'ukuri, Imana ntabwo ibikorera umwana wayo umwe, ngo Ibure kubikorera undi. Ibikorera abana bayo bose. Ubishaka wese ashobora kuza. Aragutumiye. Isengesho ryo kwizera rikiza umurwayi. Bibiliya irabivuga. Noneho, icyo nshaka ko mukora, nukwaturira Imana ibyaha byanyu mukayibwira muti, « Mwami, nkiza. » Niba utarakizwa, egurira umutima wawe Kristo. Niba kandi utarabatizwa mu mazi mu Izina rya Yesu Kristo, ikidendezi kiratunganiye. Murabona ?

41 Urya mugore, wo hakurya y'umuhanda, ubwo uwo muhakanyi yabatizwaga kubera ibyo, igihe yari aryamye... wa Silvercrest, bamwohereje murugo, igituntu kigiye kumwica. Ariko ubwo najyagayo, Imana yampaye iyerekwa, rinyereka ko aza gukira. Nuko bukeye bwaho, ansanga yo, bwana Andrews, arantonganya, avuga ati, « Wabeshye uyu mugore ! » Ndavuga nti, « Bwana Andrew, ntabwo namubeshye. Uyu mugore ni umukristo. Nabishobora, azaza kubatizwa. » Aravuga ati, « Arimo arapfa. » Ati, « Ni gute yirukwanywe i Silvercrest ? » Ndavuga nti, « Mu by'ukuri, ni icyo wemera... Wemera ibyo umuganga avuga. Njyewe nemera ibyi Imana ivuga. » Murabona ? Mu by'ukuri, icyo uha agaciro ni cyo kinyuranyo. Murabona ? Niba wemera ibyo umuganga avuga, urapfa ntakabuza. Ariko ugomba kwizera ibyo Imana yavuze. Ni ijamba ryande waha agaciro ?

42 Byari kugenda gute iyo Abraham aha agaciro ibyo umuganga yamubwiraga, kuba we, ufite imyaka 100, yajyaga kubyarana n'umugore ufite umyaka 90 ? Aba yarakoze iki ? Murabona ? Mu by'ukuri, dogiteri yari kuvuga ati, « Uyu mugabo ni umusazi. » Ariko Imana ibimuhwaniriza no gukiranuka, kuko yari yizeye Imana. Murabona ?

Kandi uwo mugore yabayeho. Yirengagije kubatizwa mu Izina rya Yesu Kristo, kuko yari umu methodiste cyangwa umu presbyterienne. Atangira kuremba. Aza gushaka Grace Weber, wari utuye... umukobwa we aba hano ; yafashe imodoka aza hano, abatizwa mu Izina rya Yesu Kristo, yari afite umuriro, arwaye indwara yatamaga agira ibibyimba ahantu hose, ku bitugu bye n'ahandi, afite 400 C. Yabatirijwe hano mu Izina rya Yesu Kristo. Kandi yatuye hakurya y'umuhanda, ugereranije na hano. Yenda yicaye hano ubu. Hashize umwanya narebye hirya no hino ngo ndebe ko namubona. Murabona ?

43 Ni ukumvira. Murabona ? Ntibihagije kwiruka hirya no hino. Ntabwo nemeranya na bene Data bamwe barambika ibiganza kuri uyu, kuri uriya, gutyo, bavuga ko hari ukwizera gukomeye gushukana kwabakiza. Ntabwo ari byo. Ugomba kugira ukwizera ku mwimerere, gukomeye, kwa Bibiliya, ku Mwuka Wera. Niba utagufite ntabwo bizaramba, ntabwo bizaramba.

Niyo mpamvu, nshimira Umwami kuba yaramfashije kugeza ubu. Abakize bose, byari iby'umwimerere, byubakiye kuri « NIKO UMWAMI AVUZE. » Murabona ? Ku bw'ibyo bizaramba. Noneho, nk'ishuri rito ryo kucyumweru... Nari ntegereje umunota umwe, mbavugisha, ntegereje ko baja mu myanya yabo, bityo dushobora gutuza noneho. Dufite iminota mike. Tugiyeye gutangira amasengesho.

44 Rero, ndashaka ko buri wese yaturira Imana ibyaha bye, kandi asezeranire Imana kuyikorera no gukora uko ashoboye. Hanyuma pasitori nange turasenga kandi tuze kubarambikaho ibiganza ; kandi mwizere ko muza gukira nimwizera.

Nigute abo bantu bahagaze ku mbago, abo batumva, n'ibyo biragi, n'izo mpumyi, bashoboye kuza ku gicaniro, kucyumweru gishize, kugicamunsi, bakajugunya imbago zabo, bakaza ku gicaniro bagahumuka, murabizi, gutyo ? Amagana n'amagana muri bo... Mu by'ukuri nari naniwe ku buryo bagombye kumvana ku gicaniro banteruye. Nari mpagaze hariya, maze nabo bagahita, murabona ? Umurongo waruvuye hano ukagera ku ishuri ry'isumbuye rya Jeffersonville ; abantu batanze umurongo, bazaga ku murongo. Ntabwo nzi ko hari uwari waciye hano mu murongo utarakize. Murabona ? Kuko bazaga ku rufatiro rwo kwizera gafatika kandi nyakuri kwa gikristo kandi bizera. Bigomba gishyika.

45 Noneho, mwese mwubike umutwe kandi mumfashe kubasengera. Mwami Yesu, tukuzaniye iri teraniro, riteraniye hano muri iki gitondo, bahagaze bategereje, rigizwe n'abana barwaye, bababaye kandi bari kumusonga. Benshi muri bo Mwami, ntakizere gihari ku bijyanye n'ubufasha abaganga batanga, cyane cyane uyu mugabo uryamye hano ku gatanda. Nutamugirira ubuntu arava muri iyi si mu minsi mike. Kandi yenda, hari n'abandi bahagaze hafi y'igicaniro hano, imitima ishobora guhagarara, n'indwara n'ububabare bushobora kubahitana. Hari ikintu kimwe gusa, Data, gishobora kubakiza, gishobora kurenga ibyumviro by'umubiri, mu gihe abaganga bakoze uko bashoboye, nta gushidikanya, ngo bakize ubuzima bwabo, indwara, kanseri, igituntu, n'ibibazo by'umutima. Nubwo hari ibipfuko, amasonde, ibikoresho n'imiti

irwanya udukoko, umwanzi arabarwanya kugira ngo atware ubuzima bwabo.

Kandi Mwami, ntekerezako nababwiye igitekerezo Cyawe kandi numvise uriya mugabo avuga mu ndimi muri iki gitondo, no gusemura ibyari bivuzwe uyu muni. Ntagushidikanya, Mwami, bamwe muribo baraza kubyakira. Ni byo. Ndabyizera.

46 Mu by'ukuri, muri Bibiliya handitse ko David, umushumba muto, yaragiraga intama za se, hariya inyuma y'ubutayu. Umunsi umwe, intare ifata umwana w'intama wa se, irawutwara. Uwo mushumba ukiri muto wuzuye ukwizera - yari afite iki cyo guhangara intare ? Ntabwo ari imbunda igezweho, ntabwo ari revoluveri, ariko yari afite umuhumetso, nuko yiruka kuri iyo ntare. Yica iyo ntare maze ayambura uwo mwana w'intama. Bucyeye idubu riraza ritwara undi mwana w'intama. Yirukankana iryo dubu ryashoboraga kumuribatira ku butaka. Ariko ntiyita ku bunini bw'iryo dubu, cyangwa imbaraga z'intare, cyangwa umuvuduko we, cyangwa ubushobozi buke bw'umuhumetso.

Ariko ubwo yahagararaga imbere ya Saul, yaravuze ati, « Umugaragu wawe yararagiye intama za se, intare iraza itwaramo imwe, maze iriruka. Nuko ndayikurikira, ngarura uwo mwana w'intama. Aravuga ati, « Imana yankijije inzara z'iryo dubu, nako urwasaya rw'iyo ntare, Ishobora gufata uriya mufilisiya utarakebwe maze ikamunshyira mu biganza. »

47 Tuzi ibyakurikiyeho ; koko kandi, yishe uwo mugabo wamurutaga kure. Kandi yari umusirikare. Mbega ukuntu ibyo byatumye Saul yumirwa, uwo mwami ukomeye, uwo mugabo w'imbaraga kandi ukomeye, kubona uwo mwana muto afite ukwizera kungana gutyo mu muhumetso ; oya, oya ntabwo ari mu muhumetso ahubwo mu Mana. Noneho, Mwami, dore umwana w'intama w'Imana, uryamye hano kuri aka gatanda n'abana b'intama bahagaze hirya no hino y'igicaniro, nkuko nawe byamugendekeye. Bafashwe n'intare yitwa kanseri, idubu ryitwa igituntu, n'izindi ndwara zabafashe, bahungabanijwe cyane.

Mwami, nje kubatabara n'uyu muhumetso witwa isengesho ryo kwizera. Ntabwo ari ikintu kinini, ariko nzi ibyo rimaze gukora. Kandi nzi ko ari ya Mana imwe, ikaba ariyo mpamvu nje kubatabara, kugira ngo mbazane, Mwami, muri izo nzuri zifutse zitanga ubuzima buzira umuze, hafi y'amazi atuje atanga amahoro kandi kure y'imidugararo yabo, kugira ngo bakwizere.

48 Kandi nzanye intwari Watanze kugira ngo tujyeyo : « Isengesho ryo kwizera rizakiza abarwayi, kandi Umwami abahagurutse. Nibaba barakoze ibyaha, bazabibabarirwa. » Data, ubu tugiye guhangana n'umwanzi, guhangana n'intare, guhangana na satani mu masura yayo yose, yaba yitwa kanseli, igituntu, indwara yitwa Hodgkin, indwara z'umutima, n'izindi ndwara zose. Tuje kumwirukana no kugarura iyo ntama munzu y'Imana.

Mu Izina rya Yesu Kristo, tugiye gukoresha uyu muhumetso Waduhaye. Bana natwe, Data, nkuko turimo kukwegera mu cyubahiro mu Izina rya Yesu. Ndashaka ko muguma mwubitse umutwe, tugiye gusiga amavuta abarwayi, no kubarambikaho ibiganza kandi isengesho ryo kwizera rikiza abarwayi. Buri mukristo uri hano wese ashire ukwizera muri uyu murongo w'amasengesho.

49 [Mwene Data Branham atangira gusengera abarwayi, mu gihe umucuranzi acuranga « Izere Gusa. »]

Izere gusa

Byose birashoboka

Yoo ! Mwana, ndizera,

Yoo ! Mwami, ndizera, byose birashoboka

Mwami, ndizera. Yoo ! Mwami, ndizera

Yoo ! Mwami ndizera, kuko byose birashoboka

50 Noneho, Data wa twese wo mu ijuru, abari bashoboye guhaguruka, bazamuye ibiganza byabo, nk'ikimenyetso ko bemeye ibyo. Wa mwene Data waruryamye yahagurutse kugira ngo yerekane ko yakiriye gukora kwe. Turizera Mwami, ko batashye mu rwuri rutoshye ruri ku nkombe z'amazi atuje, kugira ngo barushaho kugira ubuzima buzira umuze. Turagushimira kubw'ibyo mu Izina rya Yesu. Amina. Byiza, mwene Data Neville.



www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7